

Bibiliya y'abana
irerekana

Yesu
umwigisha
ukomeye



yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus

yahujwe na: E. Frischbutter; Sarah S.

yahinduwe na: Yohani Batisita B.

Alastair Paterson


yasohowe na: Bible for Children

www.M1914.org

©2020 Bible for Children, Inc.


Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi
nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.





Yesu yari
umwigisha ukomeye
uruta abandi bose.
Abamukurikiraga
baramwumvaga.





Yesu
ababwira kuba
abanyambabazi,
ab'imitima iboneye
kandi abagwa neza.





Bamwe
bashobora kubanga
abandi bakabatoteza,
ariko Imana izabitaho.





Yesu
yigishije
ibantu
byinshi.





Yavuze
ko abantu
b'Imana
bamurikira
isi nk'uko
buji (urumuli)
imurikira
inzu yijimye.







Mbega
akarusho
ka buji
(urumuli)
mu cumba
kirimo
umwijima!



Yesu yavuganye n'abari bifitemo
umuco wo guhōra: "ijisho ku rindi
iryinyo ku
rindi".



Ahubwo, Yesu yabigishije kugira
ubuntu, kugira imbabazi ndetse
no gukunda
abanzi
bacu.





Mu gihe cya Yesu, hari
abantu bashakaga
kugaragaza ko
bakiranutse cyane.





Igihe bahaga
amafranga abakene,
habaga hari ugomba
kuvuza impanda kugira
ngo buri muntu

wese
abibone.



"Tanga mu ibanga
Imana izakugororera.
Byavuzwe na Yesu."



Yesu nibyo yigishije no
kubirebana n'isengesho. Bamwe iyo
basenga bajya mu nzira
kugira ngo buri wese
abarebe kandi
abumve.



Basuzugura Imana. Banejejwe
cyane no gushimisha abagira icyo
babatekerezaho. Yesu
yabise indyandya
n'inkozi
z'ibibi.



Yesu yakundaga gukoresha ikirere
asobanura inyigisho ze.



Urugero yatunze urutoki inyoni
maze aravuga: Imana Yanyu iri mu
ijuru irazigaburira.



Mureke kwiganyira. Imana
namwe izabagaburira.



"Ndetse n'umukire w'umwami
Salomo ntiyigeze arimba
kurusha indabyo".



Yesu akomeza avuga: "Niba Imana
yambika indabyo zo mu mirima,
ntabwo mwebwe azabambika?"



Yesu yigishaga abantu kwizera
Imana itanga igisubizo ku byifuzo
byacu.



"Niba ucira mugenzi
wawe urubanza,
ni kimwe no
gutokora
agatotsi kari
mu jisho rya
mugenzi wawe
kandi ufite
umugogo uri
mu jisho ryawe
utikuramo".



Yesu niwe ubivuze.
Birashoboka ko
byasekeje
abantu ariko
bagombye
gutekereza
ku byo
yashatse
kuvuga.



A colorful illustration on a blue background. On the left, a person in a white robe is holding a large, round, brown loaf of bread. In front of them, a man with dark skin and short black hair, wearing a red shirt, is reaching up with both hands to take the bread. The man's hands are open and palms facing up.

Yesu
yabwiraga
abantu ko
bagomba
kwiyambaza
Imana.





Ese ababyeyi bahereza
abana babo amabuye mu
gihe babasabye umutsima
bashonje? Oya babaha
ibyiza. Imana
nayo itanga
ibyiza ku
bayisabye.



Yesu Umwigisha ukomeye,
yihanangirije abahanuzi
b'ibinyoma. Yesu aragira
ati: biyorosa uruhu
rw'intama.



"Kandi imbere ari amasega
aryana." Yakomeje avuga
ko abahanuzi b'ibinyoma
muzabamenyera ku
mibereho yabo.






Mu yindi nkuru Yesu yavuze,
yarekanye ko
abubaha ijambo
ry'Imana bameze
nk'umuntu


wubatse inzu
ye ku rutare.




Imvura yaraguye, umuyaga
urahuha. Birangiye
inzu ntiyagwa.




Ariko umugabo utazi ubwenge
yubatse inzu ye ku musenyi.



Mu gihe imvura yaguye, umuyaga
ugahuha, inzu yaraguye kuko
fondasiyo yayo yari idakomeye.



Yesu aragira ati: umuntu utubaha
Ijambo ry'Imana ameze atyo.



Abamukurikiraga
batangajwe n'amagambo
ya Yesu. Ntibigeze
bumva ibintu nk'ibyo
babaho.



Noneho bamenye ko kumva
ijambo ry'Imana bidahagije.
Bagomba kuryubahiriza
umunsi k'uwundi.



Yesu umwigisha ukomeye

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Matayo 5-7, Luka 6

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana
umucyo." Zaburi 119:130





Iherezo



Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu
nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita
icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko
Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje
umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku
musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro
byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu
rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi
ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe,
azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi
uzabana nawe ubuzira herezo.



Niba ushaka kuva mu
byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanje Mana, Nizera ko Yesu
ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari
muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima
bwanjye, mbabarira ibyaha byanje, kugira
ngo none aha mbashe kubona ubuzima
bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana
nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira
no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe.

Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana
buri munsi! Yohani 3:16

